CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
B.P. 357 Kigali/Rwanda
E mail: cepr@eglisecatholiquerwanda.org

**ITANGAZO RISOZA INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI KUVA TARIKI YA 05/05/2015 KUGEZA KU YA 08/05/2015**

Guhera ku wa kabiri tariki ya 05/05/2015 kugera ku wa gatanu tariki ya 08/05/2015, Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda bahuriye mu nama yabo isanzwe y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2015. Nyuma y'isengesho, Nyiricyubahiro Musenyeri Simaragidi MBONYINTEGE, Umushumba wa Diyosezi ya Kabgayi akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, yifurije ikaze Nyiricyubahiro Musenyeri Luciano Russo, Intumwa ya Papa mu Rwanda hamwe n'Abepiskopi bagenzi be. Yakomeje avuga muri make uko gahunda y'inama yari iteye yerekana ingingo z'ingenzi zarimo cyane cyane kugena abazajya mu mirimo ihuriweho na za diyosezi za Kiliziya Gatolika mu Rwanda, guhura no kuganira n'Abepiskopi bo mu itorero ry'abangilikani n'izindi ngingo zinyuranye zirebana n'iyogezabutumwa n'imibereho y'abakristu n'abasaserdoti. Mu mwanya wakurikiyeho, ijambo ryahawe intumwa ya Papa mu Rwanda ageza ku Bepiskopi indamutso y'Umushumba wa Kiliziya Gatolika ku isi kandi abifuriza imirimo myiza anagaruka ku Munsi Mukuru yari aherutsemo i Kibeho aho ku itariki ya 26/04/2015 mu Gitambo, cy'Ukaristiya yimitse ibimenyetso by'urwibutso rw'ubuzima bwa Mutagatifu Papa Yohani Paulo wa Kabili.

Nk'uko bisanzwe ku munsi wa mbere w'inama, Abepiskopi bakomeje baganira ku buzima bwa za Diyosezi, ndetse n'ubwa Kiliziya muri rusange, bagaruka ku buryo icyumweru cy'icyunamo cyagenze muri za Diyosezi, bishimira ko abakristu bitabira gahunda ziba zateganijwe kandi bakazikorana ukwemera. Kuri ibyo biganiro Abepiskopi bagaragaje akababaro basangiye n' abakristu, gaterwa cyane cyane na bimwe mu bivugwa muri icyo cyumweru, aho hari inyandiko zinyura mu binyamakuru, n'ibiganiro bitangwa ku maradiyo no mu midugudu, bigamije gutesha agaciro Kiliziya Gatolika, aho guharanira icyakunga abanyarwanda. Bifashishije inyandiko zakoreshejwe, Abepiskopi bagaragaje ko hamwe na hamwe, ibyaha by'abantu ku giti cyabo bigerekwa ku Muryango w'Imana, ubutwari n'ubwitange bw'abakristu n'ababayoboraga bigasa n'aho nta byabayeho, ahubwo bagatizwa ibitekerezo, amagambo n'ibikorwa by'ubugiranabi batigeze bagira. Abepiskopi bemeje ko n'ubwo inzangano n'irondakoko byagaragaye mu mateka y'u Rwanda bikavamo amahano ya jenoside yakorewe Abatutsi, abayicuze n'abayikoze atari Kiliziya Gatolika yabatumye, ko ahubwo Kiliziya ubwayo yagiye mu cyunamo gikomeye kubera ko mu bayikoze n'abayikorewe harimo abayoboke bayo. Abepiskopi bibukije kandi ko niba hari umukristu wayigizemo uruhare uru n'uru ku giti cye, yaciye bikomeye ku nshingano ziranga uwemera Kristu. Abepiskopi bongeye guhamya ko Kiliziya ntawe yaha ubutumwa bwo kwivanga mu bya politiki, cyangwa bwo kuvangura amoko no kuvutsa ubuzima mugenzi we. Kiliziya yigisha urukundo rutarobanura kandi rwitanga, rukomoka kuri Yezu Kristu wadupfiriye akazuka. Ukoze ibinyuranye n'urwo rukundo, aba ahemukiye abantu n'Imana, ataretse na Kiliziya ubwayo.

Ku munsi wa kabiri w'inama, Abepiskopi bakomeje bareba imirimo ihuriweho na Diyosezi zose, ikaba itagifite abayirangiza, kubera ko bahawe ubundi butumwa, cyangwa se kubera ko iyo mirimo ari mishyashya. Ibyo byarebaga cyane cyane Amaseminari Makuru n'indi mirimo yo mu Bunyamanga Bukuru bw'Inama y'Abepiskopi. Bamaze kubyiga neza, hakurikiyeho gushaka abajya muri iyo mirimo.

Ku mugoroba w'uwo munsi, Abepiskopi bavuze ku Nyandiko ya Nyirubutungane Papa Fransisko yitwa "*Misericordiae Vultus*", ivuga ku mpuhwe z'Imana muri gahunda Papa yahaye Kiliziya, izatangira tariki ya 08/12/2015 ku munsi wa Bikira Mariya Utarasamanywe icyaha, ikazageza ku itariki ya 20/11/2016 ku munsi wa Kristu Umwami. Iyo gahunda Nyirubutungane Papa Fransisko yifuza ko yazaba nka Yubile y'Impuhwe z'Imana. Abepiskopi bemeje ko hazajyaho Komisiyo yo gutunganya gahunda irebana n'iyo Yubile. Kuri iyo ngingo kandi, hari Kongre yo ku

rwego mpuzamahanga ku Mpuhwe z'Imana izabera mu Rwanda mu kwezi kwa cyenda umwaka utaha wa 2016. Iyo Kongre na yo izashakirwa Komisiyo yo kuyitegura irimo abafite mu nshingano zabo, ubutumwa burebana n'Impuhwe z'Imana ku buryo bwihariye.

Abepiskopi bagize n'icyo bavuga kuri gahunda yo kwizihiza imyaka 50 ishize handitswe inyandiko "*Ad Gentes*" ( Ivuga ku Iyogezabutumwa rya Kiliziya) na "*Dei Verbum*"( Ivuga uko ku ijambo ry'Imana muri Kiliziya). Kuri iyo nyandiko ya "*Ad Gentes*" hashimangiwe ibyari byavuzwe mu nama yari iherutse, naho kuri "*Dei Verbum*", Abepiskopi bemeye icyifuzo cy'uko ku rwego rw'Afurika ibikorwa byo kuyizirikanaho no kwizihiza iyo myaka imaze, bizabera mu Rwanda kuva tariki ya 10 kugeza kuya 15 Ugushyingo 2015, nk'uko byari byarasabwe n'ubuyobozi bw'Umuryango wa Bibiliya muri Afurika na Madagaskari. Byinshi mu bikorwa biteganijwe bizabera muri Diyoseze ya Butare, iya Kigali n'i Kibeho.

Ku munsi wa gatatu w'inama, tariki ya 07/04/2015, Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda bakomereje inama yabo i Gikondo muri Centre Saint-Vincent Pallotti, aho bari bafite gahunda yo kuganira no gusabana n'Abepiskopi ba Provensi y'Itorero Anglikani mu Rwanda, mu rwego rwo gusangira ibibazo bahura na byo mu butumwa bwabo bwa buri munsi, dore ko bahuzwa na byinshi mu rwego rw'imyemerere, imikorere n'imiyoborere. Mu biganiro bagiranye, bibanze ku ngingo eshatu z'ingenzi: Umuryango nk'ishingiro ry'imibereho ya Kiliziya, uburezi n'uburere mu miryango no mu mashuri, no ku guharanira amahoro mu bihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari. Kuri izi ngingo zose, batanze itangazo rigenewe Abakristu musanga ku mugereka w'iri ngiri. Mu byo bashishikariza abakristu muri iryo tangazo harimo gusabira Igihugu cy'u Burundi, kugira ngo amahoro agaruke bidatinze, kandi ikibazo cy'impunzi kibonerwe igisubizo. Abepiskopi biyemeje ko bagiye gushishikariza abakristu gusura impunzi no kuzigoboka uko bashoboye mu bibazo bikomeye zirimo. Muri urwo rwego, ku ruhande rwa Kiliziya Gatolika, hazatangazwa bidatinze igihe cyo gukusanya imfashanyo mu maparuwasi yose, hanyuma habeho umunsi Abepiskopi Gatolika bagennye wo gushyira impunzi iyo mfashanyo. Ibindi byemezo byafashwe biri mu nyandiko yihariye.

Nyuma y'ibyo biganiro Abepiskopi Gatolika bagiranye ubusabane n'Abepiskopi ba Provensi y'Itorero Anglikani mu Rwanda. Ubusabane burangiye, Abepiskopi Gatolika basubiye ku Kicaro cy'Inama yabo, maze bakomeza ibiganiro biga ku ngingo zirebana n'ubutumwa bw'abasaserdoti n'ibibazo birimo, bagaruka no ku bijyanye n'uburere bw'abafaratiri mu Maseminari Makuru.

Inama yakomeje ku wa gatanu, Abepiskopi baganira kuri za Komisiyo n'uko zagombye kuvugururwa ndetse bongera kureba izidafite abanyamabanga bakuru babashyiraho. Inama yarangiye ku wa gatanu tariki ya 08/05/2015. Nyiricyubahiro Musenyeri Simaragidi MBONYINTEGE, Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ayisoza ashimira bagenzi be umurimo mwiza bari barangije kandi yifuriza buri wese kuzahimbaza neza iminsi mikuru yegereje ya Asansiyo na Pentecositi.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 08/05/2015

Padiri Jean de Dieu HODARI, Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda

Musenyeri Simaragidi MBONYINTEGE
Umushumba wa Diyosezi ya Kabgayi akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
B.P. 357
KIGALI
RWANDA
C.E.P.R.